Inkuru yanjye irahera mu mwaka wa mbere ngeze muri Kaminuza, kuko muri uwo mwaka nahuye ningorane zikomeye

Kuko ababyeyi banjye batandukanye muri uwo mwaka , nuko habaho impanuka yahitanye umwe mu nshuti zanjye.

Maze mbaza umutima wanjye nti "Kuki ndi hano? Ni iyihe mpamvu hariho ubuzima?

Natangiye kugira ugushidikanya ku mpamvu habayeho ubuzima, no kubera iki njyewe ndi umukristu , natangiye gukurikirana, nuko njya mu ngando za Kiriziya nsanga abantu benshi baririmba abagambo ntazi.

Nuko ntangira kubabaza bimwe mu bibazo byamvunaga mu bwenge.

Ntabwo bigeze bafungura Biblia ngo bansubize

Ahubwo buri wese yampaga igisibizo ashingiye ku bitekerezo bye byite.

Maze ibisubizo byabo byose biza bitandukanye, k'uburyo wanabonaga igisubizo cy'umwe muri bo ari ikinyuranyu cy'igisubizo cy'undi.

K'uburyo n'uburyo bagaragazagamo Imana byari ibintu bitumvikana kandi bihinyuzanya kandi bitanyura bwenge
Ni gute Imana yabambwa ikanagirirwa nabi?

Muri icyo gihe namenye ko mu idini rya Gikristu harimo ibitekerezo by'abantu.

Hamwe no kuba ndimo kwiga muri Kaminuza nanakoraga ikiraka kuri Station ya Essance aho nakoranaga n'umwe muri bagenzi banjye wari mu idini ya HINDUSIA naramubajije nti mbwira kubyerekeye Imana yawe HINDUSI ifite umutwe w'inzovu? Ese kuki mutahisemo Imana nibura ifite umutwe w'intare?

Kubera iyo mpamvu HINDUS nabonye itanyuze

Nakomeje gushakisha mu yandi ma dini, aho natangiye kwibaza ku idini y'Ubuyahudi, nyuma y'ubushakashatsi bw'igihe kirekire , nasanze nabo ibitekerezo byabo ku Imana bivuguruzanya nk'ibyo nasanze mu ba Padiri b'abakristu.

Kubera iyo mpamvu rero ntabwo nigeze mbona mu idini y'abayahudi icyo nashakaga

Hanyuma nanone nakoze ubushakashatsi ku idini rya BUDHA ntangira kwibaza ko ariho nzahitamo, ariko maze guricengera neza nasanze atari idini ahubwo ari inzira ikurura abantu ibaganisha mu buzima bw'isi.

Umunsi umwe imwe mu inshuti zanjye yambajije ku byerekeye amadini nakozeho ubushakashatsi, mubyira ko nakoze ubushakashatsi ku idini rya Gaturika no ku idini rya HINDUSI ndetse n'idini ry'Abayahudi no ku idini rya BUDHA, nuko arambaza ati: Kubyerekeye idini rya Islam ho wasanze byifashe bite? Ndamubwira nti ntabwo nigeze ngerageza kumenya iby'ubuyislamu bwabo, niki cyari gutuma njya mu idini ryabo?

Ariko nyuma y'igihe ninjiye mu Musigiti ntakuyemo inkweto ngenda ku matapi basengeraho

Ahubwo nari ngiye no gukandagira k'umutwe w'umuntu wari wubamye asenga.

Hanyuma mbona umusaza uza ansanga aseka arambwira ati: Umunsi mwiza nshuti yanjye, amakuru yawe?

Nyuma y'uko kunyakira neza k'uwo musaza natangiye kumubaza bya bibazo byanjye nabazaga kuva mbere, ariko icya ntangaje cyane nuko uko nababazaga ntabwo bahitaga bansubiza ako kanya, ahubwo bafataga Qoran bakambwira bati: Muvandimwe isomere hano.

Aho niho nagiye mbona ibisubizo bya buri bibazo bikomeye nibazaga.

Hashize ibyumweru bibiri, nabwiye umwe mu Bayislamu nyuma y'uko mubajije ikibazo, nti: Kuki utansubiza ushingiye ku bitekerezo byawe? Arambwira ati: Ntabwo bishoboka ko nakubwira ibitekerezo byanjye mu gihe tuvuga amagambo y'Imana, ibyo byanteye kwibaza cyane.

Nuko nfata igitabo cya Qoran nkijyana mu rugo ntangira kugisoma, nsanga gusoma Qoran ntaho bihuriye no gusoma inkuru ahubwo nasomaga amagambo antegeka akananyobora.

Rimwe ninjoro naricaye ntangira gutekereza ku bimenyetso biriho bigaragara nko kuba imisozi ari imambo z'isi cyangwa uburyo uruhinja rubaho muri nyababyeyi ya nyina

Ndavuga nti: Mana ! nyobora nuko imibereho yanjye irahinduka burundu. Mpita numva ko Imana yanyeretse ko iyi si nu bwiza bwayo ndetse n'ubuhambaye bwayo, kirazira ko yaba yarabayeho itagira uwayiremye.

Ubwo nahise nfata icyemezo cyo kuba Umuyislamu, mvuga ubuhamya bubiri, nyuma yo kubuvuga, ubwoba bwose nari nfite mu mutima wanjye ndetse no gushidikanya byahise biyoyoka.

Hanyuma kubera uko nabaniraga Data neza byatumye abasha kumenya ukuri kwa Islam ko gutandukanye n'ibinyoma bayivugaho

No kubera iyo mpamvu Data yansabye Qoran ndayimuha nizeye ko vuba bidatinze ari buhite atangaza ko ayobotse Islam
Imana nibishaka.